ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/12 RYO KUWA 03/05/2005 RISHYIRAHO UBURYO N'IBISABWA KUGIRA NGO IBIGO BIRANGUZA IMITI BIFUNGURWE KANDI BIKORE .

Minisitiri w'Ubuzima ,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2003, nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120 igika cya mbere, iya 121,1° n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 12/99 ryo kuwa 02/07/1999 ryerekeye umwuga wo gucuruza imiti, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 8, iya 12 n'iya 28 ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 26 Mutarama 2005 imaze kubisuzuma no kubyemeza ;

YEMEJE :

UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere:

Ikigo kiranguza bivuga ikigo cyose gikora umurimo wo kubika, gukwirakwiza no kuranguza kimwe no gutumiza no kohereza mu mahanga imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi.

UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUFUNGURA

Ingingo ya 2:

Gufungura ikigo gikorerwamo ibya farumasi kiranguza bisaba kubanza gutanga dosiye yuzuye yo gusaba uruhushya kwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, ufata icyemezo cyo gutanga uruhushya amaze kugisha inama Komite y'Igihugu ishinzwe imikorere y'ibigo bikorerwamo ibya farumasi.

Ingingo ya 3:

Dosiye igomba kuba irimo:

1° Ibaruwa isaba uruhushya iriho umukono wa nyirayo cyangwa umuntu wemerewe n'amategeko gukora mu izina ry'ikigo;

2° Kopi iriho umukono wa noteri y'impamyabumenyi y'umufarumasiye ushinzwe ikigo;

3° Icyemezo kigaragaza ko farumasiye ushinzwe ikigo yiyandikishije mu rugaga rw'abafarumasiye;

4° Ifishi yo gusaba uruhushya itangwa na Minisiteri ifite Ubuzima mu nshingano zayo yujujwe neza;

5° Umwirondoro usesuye wa farumasiye ushinzwe ikigo;

6° Gitansi igaragaza ko hatanzwe umubare w'amafaranga yagenwe na Minisitiri ufite imari mu

nshingano ze.

Ingingo ya 4:

Dosiye isaba igomba guherekezwa n'"Amasezerano mbonera y'ubufatanye" yashyizweho umukono n'umufarumasiye n'undi muntu wemerewe n'amategeko gukora mu izina ry'ikigo, ivugwamo ko farumasiye w'ikigo kiranguza agomba kuba abifite ububasha bwo kurangiwa neza inshingano ze.

Ingingo ya 5:

Imenyesha ry'impimbano iryo ariryo ryose rituma inyandiko isaba itakirwa kandi byaba ngombwa dosiye igashyikirizwa inzego z'ubucamanza.

UMUTWE WA III: IBISABWA N'UBURYO BWO GUKORA

Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange

Ingingo ya 6:

Umuntu wese ukora mu kigo kiranguza agomba kuba atarwaye indwara zanduza.

Ingingo ya 7:

Amabwiriza rusange mu byerekeye isuku n'umutekano aho imirimo ikorerwa ninayo akoreshwa ku bigo biranguza.

Hagomba gufatwa ingamba zose za ngombwa zo kurinda abakozi b'ikigo kiranguza impanuka zituruka ku guhora muri iyo miti ishobora guhumanya, yakwangiza cyangwa iyica.

Icyiciro cya II: Gusimbura, Kwegurira no Gusubirana

Ingingo ya 8:

Ikigo gikorerwamo ibya farumasi ntigishobora kuba gifunguye ugishinzwe adahari, keretse iyo ashyizeho undi mufarumasiye umusimbura wemewe na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Iyo umufarumasiye ushinzwe ikigo adahari agomba kubimenyesha Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, kandi inyandiko imenyesha igaherekezwa n'indi y'umusimbura we yemeza ko azasimbura koko uwo udahari.

Ingingo ya 9:

Gusubirana no kwegurira undi muntu ikigo gikorerwamo ibya farumasi bigomba kwemerwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze hubahirijwe ingingo ya 29 y'itegeko N°12/99 ryerekeye ubuhanga mu by'imiti.

Icyiciro cya III: Gutumiza mu mahanga no Gukwirakwiza imiti

Ingingo ya 10:

Igikorwa cyose cyo gutumiza imiti mu mahanga n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi kigomba kubanza gutangirwa uruhushya na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.
Kwinjiza mu gihugu imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi bikorwa herekanywe uruhushya rwo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga rutangwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze amaze gusuzuma ibyemezo bigaragaza ko iyo miti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi nta nenge bifite byatanzwe n'ikigo cyakoze iyo miti kandi byemejwe n'abayobozi babifitiye ububasha bo mu gihugu byatumijwemo.

Ingingo ya 11:

Ikigo gikorerwamo ibya farumasi kiranguza kigomba gukwirakwiza gusa imiti:

1° Mu bigo bikorerwamo ibya farumasi byemewe na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze;

2° Mu mazu acuruza imiti yemewe kandi hakurikijwe amategeko ariho:

3° Mu bigo nderabuzima bya Leta cyangwa bifitanye amasezerano na yo cyangwa mu mashyirahamwe y'ubwisungane mu buvuzi cyangwa andi mashyirahamwe y'abaturage adaharanira inyungu yemewe na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze;

4° Mu bigo nderabuzima byigenga bibifitiye uburenganzira hakurikijwe amategeko n'amabwiriza ariho.

Ingingo ya 12:

Ku muti rusange cyangwa wihariye, urupapuro rwometse inyuma n'urw'ibisobanuro byawo bigomba kuba byanditswe muri rumwe mu ndimi zemewe zikoreshwa mu Rwanda.

Ingingo ya 13:

Mu gupfunyika umuti ku buryo bugomba ubuhanga mu bya farumasi, uretse ibisobanuro biri ku rupapuro rwometse ku muti rw'umwimerere ni ngomba kongeraho ibi bikurikira:

1° izina ry'ikigo kiwupfunyika n'aho kibarizwa;

2° uko umuti uteye n'umubare w'ibirimo;

3° itariki wapfunyikiweho n'igihe ntarengwa ugomba kuba wakoreshejwe;

4° uburyo bwihariye bwo kubika uwo muti.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 14:

Ingingo zose zibanziriza iri teka kandi zinyuranye naryo zivanyweho.

Ingingo ya 15:

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, kuwa 03 Gicurasi 2005

Minisitiri w'Ubuzima
Dr. NTAWUKULIRYAYO Jean Damascène

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda